Umugore uwo ari we wese muri mwe uzishyingira atabiherewe uburenganzira n'abahagararizi be, uko gushyingirwa kwe ntikuzaba kwemewe -ibisubiramo inshuro eshatu-, iyo habayeho imibonano mpuzabitsina, icyo gihe inkwano ziba ari ize, n'iyo batumvikanye, icyo gihe umuyobozi aba umuhagararizi w'utamufite

Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemeramana (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umugore uwo ari we wese muri mwe uzishyingira atabiherewe uburenganzira n'abahagararizi be, uko gushyingirwa kwe ntikuzaba kwemewe -ibisubiramo inshuro eshatu-, iyo habayeho imibonano mpuzabitsina, icyo gihe inkwano ziba ari ize, n'iyo batumvikanye, icyo gihe umuyobozi aba umuhagararizi w'utamufite."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yihanangirije kuba umugore yakishyingira ubwe atabiherewe uburenganzira n'abahagararizi be, kandi ko gushyingirwa kwe kuba kubaye imfabusa, yabisubiyemo inshuro eshatu, bifatwa nkayo uko gushyingirwa kutigeze kuba. Ariko iyo akoze imibonano mpuzabitsina n'uwo bashyingiranwe nta burenganzira afite, icyo gihe uwo mugore aba akwiye guhabwa inkwano zose kubera iyo mibonano bagiranye. Hanyuma iyo abamuhagarariye bashyamiranye ku muntu ugomba kumuhagararira, kandi bose bari ku rwego rumwe, icyo gihe umuhagararira mu masezerano ni ubaruta iyo hashingiwe ku nyungu ze, iyo umuhagararizi we yanze kumushyingira, icyo gihe aba ameze nkaho nta muhagararizi afite, icyo gihe umuyobozi cyangwa undi uri mu cyimbo cy'umuyobozi nk'abacamanza n'abandi baramuhagararira, iyo nta bushyamirane buhari icyo gihe umuyobozi ntacyo aba amaze igihe hari umuhagararizi we.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/58067